IDENTIFICATION	:	**MAI / 990 17/05/94**
DURÉE	:	**60 MIN.**
QUALITÉ	:	**BONNE**
TRANSMISSION	:	**RADIO RWANDA**
NOM DU TRANSCRIPTEUR	:	**DROCELLA ICYITEGETSE**
DATE DE LA TRANSCRIPTION	:	**25/06/2002**
NOM DU FICHIER	:	**990.doc**
DICTAPHONE	:	**SANYO BO-760/34** **Série n° P9407754 F**

Cassette Mai/990 transcrite par I.D.

FACE A

Hyacinthe BICAMUMPAKA, Journaliste de Radio Rwanda :
... Prefegitura ya Kibuye. Ijambo rero tugiye gutangiriraho ni ijambo rya Perefe wa Perefegitura ya Kibuye, Bwana KAYISHEMA Klementi.

Clément KAYISHEMA, préfet de prefecture Kibuye :
Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, mbere y'uko mbaha umwanya wo kugira ngo muyobore inama mwatumije ubwanyu, nagira ngo mbabwire abantu muri kumwe. Icyakora kuko hari abari mu nama hano nagira ngo mbanze mbereke abashyitsi baje baherekeje Nyakubahwa Perezida wa Repubulika. Harimo Madamu Ministre w'Ubutabera, Madamu NTAMABYALIRO Anyesi, ari hano muramubona, harimo (applaudissements), harimo na Secrétaire-député MUNYAMPUNDU Sipiriyani. (applaudissements)

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, aba ngaba mugiye gukorana inama ntabwo nza kubabwira amazina yabo, ariko ndababwira ibyiciro barimo. Harimo abakorera Leta, harimo abanyamadini, harimo n'abikorera ku giti cyabo. Muri abo, abenshi maze kubabereka harimo aba bourgmestres b'amakomini, harimo abasuperefe, harimo abahagarariye amashyaka, harimo abakuru b'imirimo mu rwego rwa Perefegitura, harimo abahagarariye amadini, harimo n'abikorera ku giti cyabo. Yewe n'abakozi bamwe twashoboye kubona bandi bo mu ngeri zose, bo mu byiciro byose na bo barahari.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, iyi Perefegitura mugendereye ubwa mbere muyigendereye mu gihe u Rwanda rwose n'iyi Perefegitura dufite ibibazo. Mwatubwiye ubutumwa bwinshi tugomba kugira ngo tugeze ku bandi, ubwo butumwa bwaratangiye kugenda ari mu maselire, ari mu masegiteri, ari mu makomini, ari muri superefegitura ndetse no muri Perefegitura. Icyakora koko muri aka kanya tubibabwira umutekano urahari muri Kibuye, akazi karatangiye, abantu baragenda, abantu barakora imirimo yabo nk'uko bisanzwe. Ibyo natwe rero tugomba kugira ngo muri aka kanya twiyemeje

ijambo muhora mutubwira, ari mwebwe, ari n'abandi babungirije umwanzi w'u Rwanda turamuzi, ntabwo tugishidikanya. Ibya ngombwa byose, imbaraga zacu dufite, ubwenge bwacu n'ibikoresho bike na bike dusigaranye turi mukubikoresha kugira ngo aho uwo mwanzi ari tuhamukure, aho ataragera atazabona n'uko atinyuka kuhakandagira. Ibyo turi mukubikora.

Ntabatindiye rero, ibibazo birebire bikomeye cyane twababwira birahari ni ibirebana ahanini n'igihugu n'amikoro muri aka kanya igihugu gifite. Inkunga muduteye rero turayibashimiye, ahubwo ndagira ngo mbahe ijambo noneho ubutumwa mufite kugira ngo mubutugezeho mubone akanya. Murakoze. (applaudissements)

Théodore SINDIKUBWABO, président de la République :
Nyakubahwa Perefe wa Perefegitura ya Kibuye, Madame le Ministre de la Justice, Secrétaire-Député du CND, bavandimwe banyacyubahiro mwese muteraniye hano, ari abihaye Imana nduzi hano, ari ba bourgmestres nduzi hano, ari abahagarariye amashyaka, abakozi ba Leta, baturage mwese, rubyiruko, bantu bakuru, ndabona n'aba... n'abategarugori n'abari mwaje ngo dukorane iyi nama, ndagira ngo mwese tubashimire, dushimire cyane cyane Perefe wa Perefegitire ya Kibuye ubahagarariye mwese, uhagarariye Perezida wa Repubulika muri préfecture. Turabashimiye ku buryo burambuye, tubashimiye n'umutima wose kubera ubwuzu n'ubushake mwazanye ngo mutwereke yuko turi kumwe.

Turashimira ingabo z'igihugu ziri hano ku Kibuye zitwakiriye mu kanya, mubonye ko tumaze umwanya tuganira na Perefe hariya mu biro bye, twagira ngo noneho mwese tubahe ubutumwa twabanje kumusogongezaho kugira ngo mubusangire muzabusohoreze hamwe na we kuko ni we jisho rya Leta hano ku Kibuye.

Bavandimwe rero ba Perefegitura ya Kibuye, twemeye gufata iyi gahunda, twasuye amaperefegitire ubu ageze kuri ane, iyanyu ibaye iya gatanu, iyi gahunda igamije kugira ngo tubereke ku mugaragaro, abaturage mwese ku mugaragaro, tubereke Perefe ubahagarariye mwese imbere ya Leta ku mugaragaro yuko ari Perezidanse ya

Repubulika, ari na Guverinoma y'u Rwanda tubashyigikiye kandi twifuza kubatera inkunga mu mirimo mushinzwe buri wese mu rwego arimo. Perefe abivuze mu kanya mu magambo make, ariko ibyo yavuze muri mwe ee byatuma uwashaka yahagararira aha ngaha ntagire ibindi avuga, uretse ko naba mbahemukiye kuko nazanye ubutumwa burebure, ariko ijambo avuze ati "hano muri Kibuye umutekano urahari", numvaga riduhagije kuko ari cyo cyatuzanye. Icyo kibazo ni cyo cyatuzanye ngo tubaze nimba hano hari umutekano, cyangwa nimba udahari tubaze impamvu, tubaze n'ingamba mufite kugira ngo uhabe, atubwiye ko hari umutekano, kuri twebwe urugendo rwacu ndumva rugize akamaro kuko rugeze ku cyo rwifuzaga.

Nyamara ariko twarebera hamwe impamvu muri Kibuye hari umutekano, hakaba hari hamwe na hamwe mu Rwanda utaragera. Icyo ahubwo cyatugirira akamaro, cyagirira akamaro Abanyarwanda bose batwumva, Radiyo iza kumvisha urugendo rwacu, byagirira akamaro abo ngabo bataragira ihirwe nk'iryanyu ngo umutekano ube uri iwabo.

Ee byadushimisha kuko mwaba mutubereye urugero, mubereye urugero abandi Banyarwanda babandi batarumva neza icyo tugamije, babandi bumvise ariko bakanga, babandi bumvise ariko bakavuga ngo ntibindeba, byatugirira akamaro kuko mwababera urugero mukabaha n'isomo impamvu mwebwe mufite umutekano abandi utarabageramo.

Muribuka rero ko iyi Guverinoma ijyaho, iyi Guverinoma yanyu tuzi ko mwese mushyigikiye ijyaho, igiyeho mu bihe bitameze neza, impamvu zatumye ijyaho na zo mwarazimenyeshejwe, ni uko umwanzi n'abafasha be bamaze kwica Perezida w'igihugu, Nyakubahwa Jenerali HABYARIMANA ngira ngo twongere n'ubwo byakozwe kenshi bwose ariko twongere dufate umwanya muto tumwibuke tumuragiza Imana (ils se lèvent). Muribuka rero ko abanzi b'igihugu cyanyu n'amahoro bamaze kumwica, icyari gisigaye kandi ni cyo cyari mu mugambi wabo ni ugusiga igihugu kirangaye, nta mutegetsi uhari, nta butegetsi buhari, buri wese akora icyo ashaka n'uko abyumva. Nyamara twarabyanze. Twasanze Abanyarwanda batashobora kubaho muri ubwo buryo butagira abategetsi n'amategeko kuko bari bamenyereye kubaho ku buryo bwiza, ku buryo bugira abategetsi n'amategeko, ku buryo bugira disipuline kuri buri wese.

Dufatanije rero n'ingabo z'igihugu, dufatanije n'abayobozi b'ingabo z'igihugu twagiye (sic) inama abayobozi b'amashyaka atanu yari muri Guverinoma, bagiye inama basanga gushyiraho Guverinoma mu buryo bwihutirwa ari wo muti watuma porogaramu y'abanzi icogora ...ko ntabwo irashira ariko yaracogoye. Kuko iyo bitagenda bityo, ntabwo igihugu cyari gusigara ari umurangara nk'uko nabivuze, bari guhita bashyiraho inzego bari bateganije, ariko ubanza inzego bari gushyiraho iki gihe muba mudahuye nk'uku duhuye ngo muganire mushyikirane, mujye inama. Bari gushyiraho inzego zifite undi mugambi utari gutuma kuri iyi saha no kuri uyu munsi turi kumwe. Imana rero yirirwa ahandi igataha iwacu i Rwanda yatumye iyo porogaramu tuyicikiza, tuyizimya, dushyiraho Guverinoma yahise uwo mwanya yiha inshingano eshatu muzi iy'ingenzi ari iyo gushyiraho ubutegetsi buhamye mu gihugu butunganye, ari yo kubumbatira umutekano w'abaturage n'ibintu byabo, ari wo kugarura amahoro n'ituze mu gihugu cyose. Ni yo ngingo ya mbere y'ibanze izindi zigenderaho. Iyo y'ibanze rero twibajije nimba nyuma y'ibyumweru bitanu Guverinoma imaze igiyeho mu gihugu hose iyo ngingo yara... yarakiriwe kimwe, yarumvikanye kimwe, kandi ishyirwa mu bikorwa ku buryo bumwe.

Ee raporo tubona, ni ibyo twibonera ku bwacu bitwereka yuko hariho hamwe mu Rwanda, hamwe na hamwe iyo nshingano itarakurikizwa. Twari tuje dufite impungenge yuko ku Kibuye haba hari abo twita ba ntibindeba, cyangwa ba ndanze, tugize Imana Perefe atubwiye ko bene abo ngabo badahari. Ni yo mpamvu ngira ngo mbabwire ko tubashima kuko uwo ni umuhigo muhize abandi batarumva neza icyo Guverinoma ishaka. Mubishimirwe. (applaudissements)

Twasabye, nk'uko Perefe yabivuze, twasabye kenshi mu mabwiriza twatanze ari Guverinoma, ari Chef du gouvernement na ba ministres, ari natwe ubwacu, twasabye Abanyarwanda ko bakwiye gushyira mu gaciro bagasumba, bakagerageza gusumba kamere-muntu, bakiyibagiza uburakari n'agahinda, bakagerageza gusumba umujinya bakababarirana. Bakababarirana, bakihanganirana, ndetse navuze ko buri wese yari akwiye kuba umurinzi wa mugenzi we, icyo utifuza kibi ko wakorerwa nawe ukakirinda mugenzi wawe.

Biragoye ku muntu ufite kamere y'umuntu ariko birashoboka. Ikigoye rero gishoborwa na nde ? Ikigoye gishoborwa n'abagabo, abagabo mvuga si abafite ubwanwa twenyine gusa, abagabo mvuga ni Abanyarwanda bose bafite umutima muzima n'ubwenge buzima, abo ni bo nita abagabo. Kandi rero abagabo muri iki gihugu cyacu turahari, murahari. Ni icyaba rero gikomeye cyose ariko hari abagabo twagishobora. Ni yo mpamvu nongeye kubisubiramo, abatwumva babifate batyo, nta kuvuga ngo twarababajwe, twarababaye, twararakaye reka twihimure, reka dukore amafuti aya n'aya, ahubwo dukwiye kuvuga tuti dukwiye gusumba, dukwiye kurenga kamere-muntu tukayirwanya, tukababarirana, tukareba igifitiye inyungu igihugu n'abaturage bacyo, igifitiye inyungu i igihugu n'abaturage bacyo ni iki ? Ni amahoro. Ikintu cyose rero cyatuma amahoro agaruka, ikintu cyose cyatuma umutekano ugaruka akaba ari cyo twibandaho, na ho intege nke za muntu tukazitsinda. Kuko umujinya udashira, umujinya uhoraho abakurambere baciye umugani ko wica nyirawo. Nta mujinya uda... udashira. Kandi rero mu migenzo myiza y'abantu, umujinya ntabwo ari umugenzo ahubwo umujinya ni ingeso mbi. ntabwo rero Umunyarwanda w'iki gihe tugezemo yari akwiye kurangwa n'ingeso mbi, ahubwo yari akwiye kurangwa n'imigenzo myiza.

Twagize Imana rero dusanga abanyakibuye mufatanije n'abayobozi banyu, cyane cyane na Perefe uhagarariye Perezida wa Repubulika muri Kibuye, twagize Imana twasanze iyo ngeso mbi y'umujinya mwarayitsinze, ni cyo gituma twababwiye ko mukwiye kubishimirwa mukabera urugero abandi Banyarwanda bakijijinganya, bacyikurura mu mafuti, bagifite inyota yo kugira nabi, bagifite inyota yo gusahura utuntu tw'abandi, abo ngabo na bo mu ijambo navuze ku itariki ya cumi na kane y'ukwezi gushize navuze ko na bo ari abanzi b'igihugu, kuko na bo barimo batacyifuriza amahoro igihe bakomeza gutoteza bagenzi babo, igihe bakomeza kugira urugomo, igihe bakomeza kugira igishuko cy'ubusambo n'inda nini kujya gusahura utuntu tw'abandi, abo ngabo na bo ni abanzi b'igihugu. Kuko nimba bari abagabo ngo bagaragaze ubugabo bwabo nyabwo, bagiye ku rugamba aho umwanzi ari ! Umwanzi ntabwo ari umuturanyi muturanye, ntabwo ari umukene muturanye, ntabwo ari uriya mukecuru muturanye, ntabwo ari uriya mu... mwana w'indacumura, umwanzi ntabwo uwo nguwo.

Abantu rero bagifite ingeso mbi, si mwe mbwira ndabwira abaza kutwumva muri radiyo kuko mwebwe amanota yanyu mwayabonye, abantu bagifite ingeso mbi, bataracika ku ngeso mbi y'urugomo, y'ubugira nabi, y'ubusambo niberekane ubutwari bwabo bajye ku rugamba, barutsinde maze bazaze tubashimire. Naho ubundi ibyo bariho berekana ntabwo ari ubutwari, si n'ubugabo. Bene abo bo twavuze ko na bo bakwiye kubarwa mu bagiranabi, mu banzi b'igihugu, mu banzi b'amahoro, kandi rero si aho gusa bigomba gucira, kugarukira bagomba no gukurikiranwa, cyane cyane biri mu ngingo ya kabiri mu zatuzanye, ngira n'amahirwe nazanye na Ministre w'Ubutabera, bene abo ngabo badukerereza, batubuza gufata izindi ngamba bakwiye gushakashakwa, bagakurikiranwa, bagahanwa, bakareka tugakora indi mirimo.

Nishimiye ko mu bakozi ba Leta mwanyeretse harimo abacamanza, harimo abashinzwe pa ee parike, harimo abashinzwe amashyaka ari muri iyi prefecture, harimo abayobozi b'inzego zose, harimo aba... abihaye Imana benshi, nababonye, abo bose ni abakunzi b'amahoro. Ntabwo rero abanzi b'amahoro bagomba kutuganza kuko abakunzi b'amahoro turi benshi, muri benshi, abo banyangeso mbi bagifite inyota y'ubugira nabi ibatahure mwese, mwese kuva ku mu cellule kuko ni bo begereye abaturage kugera ku mukonseye, kugera kuri ba bourgmestres mwebwe mushinzwe commune Leta yabashinze, cyane cyane mufite uruhare rukomeye cyane, mufite inshingano ebyiri : muri abayobozi b'abaturage, kandi muri abategetsi babo. Kuyobora ni byiza iyo uyobora ushaka kuyoboka no kugenda mu nzira nziza, ariko iyo abyanze itegeko riguha uburenganzira bwo kumuyobora ku bundi buryo, ni ukuvuga kumugenera ibihano kugira ngo akanguke amenye ko ari mu cyaha.

Ndabisubiramo rero ntabwo abanyamafuti, abanyangeso mbi bake cyane babuza imbaga y'abakunzi b'amahoro gukomeza imirimo yacu. Ni yo mpamvu, mu kanya ndaha Ministre w'Ubutabera ijambo ababwire bene abo imigambi Guverinoma yabafatiye. Ee ntibazamere, kuko tugomba kubaburira, yee umuyobozi nyine, umutegetsi, umuyobozi aba afite n'urundi ruhare agomba no kuba n'umubyeyi w'abo ashinzwe, umubyeyi rero agomba iteka guhora arebera abana akababurira iyo abonye hari ikintu kibi gishobora kubagirira nabi. Abo na bo rero tugomba kubaburira hakiri kare, twababuriye ariko

Cassette Mai/990 transcrite par I.D.

turasubira ntibazamere nka rwa rwabya rubumbye mu... mu ibumba rwikubise ku ngunguru y'icyuma, icyo rwahasize murakizi, rwahasize urugara n'injyo. Nimba bashaka gupinza, gupinza ubanza ari igiswayire, bashaka gupinza na Leta, ubanza bizabarushya. Kuko Leta yafashe imigambi ihamye yo kurengera iki gihugu, yo kurengera Abanyarwanda bose bifuza amahoro, ntabwo rero abagizi ba nabi bake cyane tuzabakundira.

Ndagira ngo ndangirize ku ijambo risa n'iryibutsa ayo twavuze kandi muzi, abenshi muri bakuru murakurikira, nabonyemo n'abakuru bagomba kuba barakurikiye politike kuva kera, umwanzi wateye igihugu cyacu yaje afite porogaramu ndende, ntabwo yaje ahubutse yaje yiteguye igihe kirekire. Yaje afite intwaro nyinshi, izo tubona n'izindi tubona bitinze. Izo tubona vuba na vuba, yaje afite imbunda n'amasasu n'ibindi bigendana n'intambara. Ariko rero yaje afite iyindi ntwaro mbi, utayibonye hakiri kare yakugirira nabi, kandi byarabaye, yaje afite intwaro y'amayeri. Amayeri avanzemo n'ikinyoma gikomeye, amayeri avanzemo n'ubugome bukomeye kuko yari yizeye muri mirongo urwenda avuga yuko azafata igihugu cyacu mu minsi itatu cyangwa itanu. Kuko yari yapimye asanga intwaro z'amasasu yari afite zigeretseho iyo ntwaro yindi mbi itaboneka, azitambukira nk'utambuka mu murima we. Ariko si ko byagenze murabyibuka, byagenze uko atari yabitekereje, uti kubera iki bitagenze nk'uko yari yabitekereje? Kubera ko yasanze muri mirongo urwenda mu kwezi kwa cumi Abanyarwanda turi umwe, twibumbiye hamwe, tuvuga rumwe, dukunda bimwe, tukanga bimwe, dukunda ku buryo bumwe icyiza, tukanga ku buryo bumwe ikibi. Yahagiriye ipfunwe, noneho afata intwaro ya kabiri, agize Imana asanga hari amashyaka, amashyaka aramufasha, intwaro ya kabiri yo irakora. Atatanya Abanyarwanda dutangira kuvuga nka ab'Abeli ntitwumvikana umwe ati "jye ndi Parmehutu", undi ati "jye ndi... ndi PSD", undi ati "jye ndi... ndi... ndi RADER se", do ayo mashyaka yose murayazi, undi ati "jye ndi PL", undi ati "jye ndi MRND", undi ati "jye ndi MDR power", undi ati "jye si ndi power", dutangira kuba ab'Abeli. Rero intwaro ya kabiri yari yahamije. Ibyakurikiye uwo mwiryane, byakurikiye ubwo butatane mwarabibonye, ntabwo byaduhiriye. Ikibazo ni iki rero. Baca umugani ko "ibuye ryabonetse ritaba rikikwiciye isuka", ubwo twabonye ko iyo ntwaro ya kabiri irushije ubumara n'ubukana intwaro ya mbere

y'amasasu, ndakeka ko n'utabonaga yarabonye, n'utumvaga yarumvise. Twagize n'Imana bamwe batangiye kubivuga ku mugaragaro, batangiye kubyemera ku mugaragaro bati "noneho twamenye umwanzi uwo ari we". Hariho abari bakibereye mu gih... mu mu gihu, hariho abari bakibereye ku ipaje ya mbere twe tugeze ku ya karindwi cyangwa iya munani, ariko twagize Imana noneho batwemereye ko bamenye umwanzi uwo ari we. Ndakeka rero nta muti wundi, umuti mwe mwarawubonye mwagize Imana, ikibazo cyanyu cyaratunganye ubu ngubu ni ugufatira icya kabiri reka tukiri hafi, imishyikirano twarayisabye, twakoze uko dushoboye kose, Ministre Anyesi avu... amaze ibyumweru bitatu ari hanze y'u Rwanda akurikiranye imishyikirano intambwe ya gatatu, inshingano ya gatatu iyo Guverinoma yiyemeje yo gushakira bariya bantu bameze nabi, bashonje, barwaye, bapfa buri munsi kubashakira uko babaho neza, iyo nshingano na yo tugomba kuyigeraho byanze bikunze, ariko ntabwo twa...zigeraho izo zisigaye uko ari ebyiri iya mbere itabanje ngo itungane, ni yo mpamvu twebwe, mwebwe twabashimiye ko mwayirangije, mufatire izindi iya kabiri n'iya gatatu ariko nababwiye ko tutazemera ko bariya ba ndanze cyangwa ba simbishaka bazadutinza ngo tubarindire, tugomba kugendera twese hamwe, ni yo mpamvu rero twafashe ingamba, Guverinoma yafashe ingamba zo kugira ngo abo bantu na bo bahabuke begere abandi bifuza amahoro twubake igihugu cyacu mu mahoro. Murakagira Imana. (applaudissements)

Clément KAYISHEMA, préfet de préfecture Kibuye :

Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ndagira ngo nk'uko mwabyifuje ijambo turihe Madamu Ministre w'Ubutabera.

Agnès NTAMABYALIRO, Ministre de la Justice :

Ijambo ryanjye ntabwo riba rirerire ee icyakora nabanza kubagezaho ee ubutumwa bwa Guverinoma bwo kubashimira ukuntu mwashoboye kugarura umutekano vuba muri iyi perefegitura ...

FIN DE LA FACE A

FACE B

(applaudissements)

NTAMABYALIRO Agnès, ministre de la justice :

Ikindi nagira ngo mbabwire ko Guverinoma yababajwe cyane n'ibyabaye ee muri iki gihugu cyacu ee kuva ku itariki ya gatandatu y'ukwezi gushize, jye ndavuga iya gatandatu kuko ee abatumereye nabi bo bahera ku itariki ya karindwi, kandi ibyabaye ku itariki ya gatandatu ari nyirabayazana y'ibyakurikiyeho. Ku itariki ya gatandatu murabizi ko Nyaku... uwari Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ee yahitanywe n'ababisha ndetse ari kumwe na Nyakubahwa Perezida w'u Burundi n'abandi bategetsi bakuru bo muri ibyo bihugu byombi baka... bagahitanwa n'igisasu n'ibisasu byarashe indege.

Ee ibyo bikimara kuba, FPR yahise na yo ifata za positions hirya no hino mu mujyi ubwo iba yubuye imirwano kuko ubundi yagombaga kuba mu ngoro ya CND ee igihe ivuyemo rero igafata intwaro, ikajya gufata position hirya no hino mu mujyi iba yubuye imirwano.

Ntibyahagarariye mu mujyi gusa, ee na ruguru muri Byumba, muri Ruhengeri hose yahise yubura imirwano, tugira ibyago rero no mu gihugu rwa gati uburakari bw'abaturage ee mu turere twinshi tw'igihugu ee butuma abaturage basubiranamo, ee ndumva ibyo ngibyo ntabitindaho navuga gusa ko twishimiye yuko ino aha ngaha byahagaze.

Muri izo mvururu zabaye haguyemo abategetsi, hagwamo n'abaturage benshi. Yee, Perezida wa Repubulika yamaze kudusobanurira yuko hari habaye icyuho gikomeye, abanyepolitiki bakaba batarihanganiye ko icyo cyuho kigumaho, bahita biga uburyo twakiziba hakajyaho inzego z'ubutegetsi zigomba gutuma igihugu cyacu kitajya mu gihirahiro. Murabizi ko Guverinoma imaze kujyaho yi... nako igihe ijyaho yahawe inshingano eshatu iya mbere ikaba yari iyo kugarura umutekano. Iya kabiri ikaba iyo gukomeza amasezerano y'Arusha, donc gukomeza imishyikirano n'Inkotanyi kugira ngo inzego z'ubutegetsi zari zateganyijwe mu masezerano y'amahoro zishobore kujyaho. Kuva Guverinoma yajyaho rero, ee twakoze uko dushoboye kose kugira ngo umutekano

ube wagaruka, ariko burya "akarenze umunwa karushya ihamagara", iminsi ibiri cyangwa itatu twamaze ubutegetsi busa n'ubutariho ee yadukururiye biriya byago byose namwe mugomba kuba mwarabonye ino aha ngaha byababaje cyane Guverinoma ee ndetse ubu n'amahanga yose akaba yarahagurutse abyamagana asaba yuko ee umutekano wagaruka, asaba ko amarorerwa yahagarara.

Guverinoma rero nk'uko bimaze kuvugwa, si ukubisubiramo ariko nta kundi nabigenza, yihatiye kugeza ku Banyarwanda ubutumwa bwo guhagarika izo mvururu, Abaministri bakwiriye hirya no hino kugira ngo umutekano ugaruke bahura n'abaturage, bahura n'abategetsi bo muri buri prefegitura kugira ngo barebere hamwe ukuntu umutekano ushobora kugaruka. Ndetse n'ubu hashoboraga kuba haje abaministri benshi, ariko ntibyashobotse kuko hari n'abagiye ahandi, ndetse hari n'abagiye mu mahanga gusobanura neza uko ibibazo biteye kuko hari abashakaga kubifata uko bitari. None tugize amahirwe rero tugeze hano muri izo ngendo zatangiwe ari Perezida wa Repubulika, ari n'abagize Guverinoma tugize amahirwe dusanze ino aha ngaha byarahosheje muri rusange, ni byiza, ariko hari icyo tugomba kongeraho ni uko abadashaka kumva, abagirira abandi nabi cyangwa se abagiriye abandi nabi, bose turi igihugu kigendera ku mategeko abo bantu bagomba gukurikiranwa. Icyakora icyo tugomba gushyira imbere ni ikigomba gutuma umutekano urushaho kwiyongera, tukawushimangira ni cyo tugomba gushyira imbere, nkaba navuga ko nk'ubu ngubu ee ubu butumwa bukomeza gutangwa abagenda baburengaho ubwo agahenge kabonetse, abashinzwe iperereza hari ba IPJ, hari ba burugumestiri, hakaba abasirikari, abo ni abagenzacyaha, hakaba... noneho parike ubwayo, abashinjacyaha n'inkiko bakorana bakwiye guhaguruka bakabona inkunga bakeneye ku zindi nzego z'ubutegetsi kugira ngo babashe gukurikirana abagizi ba nabi, abo ngabo mu kanya Perezida wa Repubulika yavugaga ko bigize ba simbyemera, basaba kubumbatira umutekano kugira ngo igihugu cyacu kibone amahoro yuzuye bakabirengaho bakajya mu bindi byo kugirira abaturanyi babo nabi, abo ngabo twasabaga rwose ko parike ya...kaza umurego ariko ikabona inkunga ikeneye ku zindi nzego, kuko ubwo ndavuga ku bufatanye bagomba kugirana n'ubu... n'abandi bategetsi cyane cyane abashinzwe umu u abandi bashinzwe inzego

z'umutekano ee abasirikari bagomba kubaha na bo ee umutekano, kubafasha kurinda umutekano wabo na bo kugira ngo iyo mirimo bashobore kuyikora.

Ku rwego rwa Guverinoma ubwo kugira ngo babashe gukora neza iyo mirimo bazakenera wenda n'ibikoresho, murabizi ko igihugu gikennye gifite amikoro make, ariko twari twasabye yuko ubutegetsi bwa Perefegitura bufatanyije n'ubuyobozi bwa... bwa gisirikare muri Perefegitura bashaka ibikoresho muri Perefegitura. Bagafata ee imodoka zishobora kuba ziri muri Perefegitura kuko nta wujya gukora anketi adafite imodoka, ee lisanzi aho yari iri ndumva ayo mabwiriza yaratanzwe kuva ibi bibazo byatangira, iyo lisansi ikaba, ndumva yarashyizwe mu maboko y'ingabo z'igihugu zo zigomba kubahiriza umutekano w'abantu n'ibintu mbere na mbere kugira ngo babone ibyo bakoresha, n'izo nzego za parike rero zibifiteho uruhare kugira ngo zifatanye n'izindi nzego zishinzwe umutekano kubumbatira umutekano nyakuri bakurikirana abagizi ba nabi.

Nkumva rero hari n'indi nkunga bashobora kuba bakeneye, hari ikibazo cy'abakozi bakeya, mu cyumweru gishize twari twasabye ko abayobozi ee b'inkiko na za parike batugezaho listes z'abakozi baba batagikora, bataragarutse ku kazi, ababuze se, ee abo abagize ibyago bakagwa muri izi mvururu zaherutse kuba kugira ngo turebe ukuntu twakwihutira kubasimbura imirimo ibashe gukorwa yoye kudindira. Ubwo rero hari abatangiye kungezaho amabaruwa yabo nizeye ko n'abandi babitugezaho bwangu kugira ngo ee turebe ukuntu kuri urwo rwego na ho twashyigikira izo nzego z'ubucamanza muri perefegitura ya Kibuye. Ku byerekeranye rero n'ingingo ya kabiri Perezida wa Repubulika yari yansabye kuvugaho ndumva ahari ari ibyo.

Icya gatatu nashakaga kuvugaho ni... ibyerekeranye n'imishyikirano twari tumazemo iminsi mu mahanga, ntabwo nyivugaho birebire mu by'ukuri kuko imishyikirano nyakuri itashoboye kuba. Ubundi hashize ibyumweru bitatu, Guverinoma yari yafashe icyemezo cyo kohereza intumwa hirya no hino mu bihugu, ari ibidukikije, ari n'ibya kure kugira ngo zijye kumenyekanisha ikibazo cy'u Rwanda uko giteye no kugira ngo zishake ukuntu hirya no hino badufasha, bamaze kumva uko ikibazo giteye badufashe. Icyakora jye

n'intumwa zindi twajyanye twari dufite ubundi butumwa bwiyongereyeho bwo kujya gushaka ukuntu amahoro yagaruka, Guverinoma ikaba yasinya amasezerano yo guhagarika imirwano na FPR.

Twavuye ino ubundi tugiye muri Tanzaniya, Arusha, icyakora kubera ibibazo biriho muri iki gihe ee byerekeranye n'itumanaho biratugora bituma dukererwa kugera Arusha ariko mu nzira uko twari tugitegereje indege twabashije guhura n'abandi na bo bari bafite, abandi bategetsi na bo bari bafite ku mutima wabo ubushake bwo kudufasha kurangiza ikibazo, ee twahagaze muri Zayire dusanga Perezida wa Zayire na we yari yiteguye kugira icyo yadufashaho, we yari yaranabonanye n'Inkotanyi bagira umushinga w'amasezerano bategura, bawumvikanaho n'Inkotanyi noneho tugeze i Kinshasa natwe barawutwereka bati "mutubwire niba mubyemera murasinya uyu munsi ubwo kuri makumyabiri na gatatu". Turareba dusanga amasezerano ii ibyari biteguwe tubishima, hariho akantu gato gusa tutemeraga ni uko bavugaga ngo abasirikari ni bo bagomba gusi... gukora ayo masezerano. Kandi kuva imishyikirano yatangira, ari muri Zayire, ari Arusha ama... imishyikirano yabaye hagati ya Guverinoma n'abasirikari. Aho ngaho Guverinoma ikaba isangamo amayeri, kandi si na Guverinoma yacu yonyine n'ibindi bihugu by'amahanga bibona ko ari ko bimeze, Guverinoma yacu isanga harimo amayeri yo gutandukanya abasirikari na Guverinoma. Ibyo rero bikaba bidashoboka kuko abasirikari ndetse bateye inkunga ikomeye abanyamashyaka kugira ngo babashe gushyiraho Guverinoma iriho ubu ngubu, bavuga ku mugaragaro ko bashyigikiye iyo Guverinoma, ntabwo rero amayeri y'uwo turwana ari yo yaza gutatanya Guverinoma ee n'ingabo z'igihugu.

Ubwo icyo ngicyo twaragisobanuye yuko bidashoboka, yuko abasirikari basinya mu izina ryabo ko turemera ko basinya, ariko bagasinya mu izina rya Guverinoma. Umukuru w'igihugu cya Zayire yarabyumvise ee icyo ngicyo bacyongeraho ko basinya mu izina rya Guverinoma, mu masezerano ee dutegereza FPR ngo ize dusinye kuko yari kuri iyo gahunda yumvi... FPR yumvise ko twahageze yanga kuza n'ubwo ee Umukuru w'igihugu cya Zayire yari yabohererereje indege yo kubatwara kugira ngo na baze twese duhurire aho ngabo dusinye. Babuze, twebwe ku ruhande rwa Guverinoma amasezerano

yo guhagarika imirwano twarayasinye atwizeza yuko akomeza gukora ibishoboka byose kugira ngo FPR na yo izaze isinye. Ubwo twakomeje urugendo tujya Arusha, Arusha tugezeyo twabanje i Dar-Es-Salaam duhura n'Umukuru w'igihugu cya... ee cya Tanzaniya, aranatwakira turavugana tumusobanurira icyatumye tutabasha kuhaba kuri makumyabiri n'eshatu ubwo ibyo ndabivuga kuko mugomba kuba mwarabyumvise ku maradiyo y'amahanga bavuga ngo "twebwe twarabuze kuri makumyabiri na gatatu", byatewe n'ikibazo cy'indege gusa. Turabimusobanurira arabyumva n'ibisobanuro arabishima, atubwira ko agiye kongera gushaka FPR kugira ngo ee tugirane imishyikirano. Arayishaka, bemera ko bazaza, inama ishyirwa ku wa kabiri tariki eshatu ee z'uku kwezi. Umunsi ugeze tujya Arusha, tuhahurira n'abahagarariye ibihugu byahagarariye imishyikirano kuva yatangira, hari ibya Afurika ibi bidukikije, hari ibihugu by'Uburaya dufitanye na byo u... ubucuti n'ubutwererane, hakaba n'Imiryango mpuzamahanga cyane cyane Loni n'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika, abo bose bari bahari.

Imishyikirano igitangira rero FPR nako igomba gutangira, FPR ihakana ko idashobora guhura n'intumwa za Guverinoma, ngo "ntiyemera Guverinoma" ee nk'aho Guverinoma igomba kwemerwa na FPR, nk'aho ari yo yahitamo ngo irashyikirana n'uyu nguyu mu bo ba... bahanganye.

Twa... twakoze uko dushoboye kose dusaba Umuhuza, dusaba abo bahagarariye ibihugu byabo bari baje, mu mishyikirano kureba uko imishyikirano igenda ngo bahendahende FPR duhure, dushake amahoro kuko ibibazo biri mu gihugu byamaganwa n'Abanyarwanda bose bika... byamaganwa n'Abanyarwanda benshi, bikamaganwa n'amahanga, FPR yanga kumva ee yanze kumva rwose, yanga kumva ibyo Umuhuza ayisaba, yanga kumva ibyo abahagarariye ibihugu byabo muri iyo mishyikirano bayisaba, ee icyakora iza kwemera yuko Umuhuza ashobora kujya ahura na buri ntumwa ukwazo. Natwe turabyemera, tuti icya ngombwa ni uko tubasha kugira ibyo dusinya. Umuhuza aza ku... kuduha umushinga w'amasezerano, turawiga ku ruhande rwa Guverinoma tugira ibyo tuwunengaho n'ibyo twongeramo turawuzuza, ku ruhande rwa FPR bo banga kugira icyo babikoraho. Baravuga bati "ntidushobora no gusinya", kuko ubwo mbere

bari bemeye ko basinya urupapuro ku ruhande rwabo, natwe tugasinya urwacu hanyuma ee birananirana, ku munota wa nyuma bavuga ko ba... n'urwo rupapuro badashobora kurusinya, bituma rero imishyikirano idashoboka. Icyakora twe ibyo twemeye twabisinyiye hamwe na Ministre w'Intebe wa Tanzaniya ee birangiye turataha.

Abo bahagarariye ibihugu byabo, bari bahagarariye ibihugu byabo twavuganye na bo tu...basobanurira ikibazo uko giteye, tubasaba no ku... kudushyigikira, tukaba rero tubona batangiye kujya baza kwirebera ibyo ari byo ntibumve gusa ibivugwa n'amaradiyo kenshi aduharabika, tukaba twizera rero ko n'ubwo tutabashije gusinya amasezerano y'amahoro wenda abo... ibyo bihugu by'amahanga bishobora kudufasha ee kuzayageraho, nako amasezerano yo guhagarika imirwano kuko ay'amahoro yo yari yarasinywe, uretse ko ubu yapfuye. Mu magambo make ee n'ibyo ngibyo, turabona FPR idashaka kwicarana na Guverinoma ngo bashyikirane, tugasanga ari uburyo ee bw'a... sinabyita amarenzamunsi ariko ni uburyo bwo ku... gukomeza kurwana yizera yuko yashobora gutsinda, itsindisha intwaro ntigombe kugira ibyo igabana n'abandi Banyarwanda. Mu by'ukuri nta yindi mpamvu ee twe rero tugasanga ibyo bintu nta ho byazagarukira, ntabwo amasasu ari yo ashobora kuzarangiza ikibazo, icyo tugomba guhitamo ni ibyo byo gushyikirana, tukumvikana, imirwano igahagarara, Abanyarwanda bakabona agahenge, tukazashaka uko dushobora gushyiraho ziriya nzego zivugwa mu masezerano y'Arusha. Murakoze kuba mwanteze amatwi. (applaudissements)

Théodore SINDIKUBWABO, président de la République :
Ndagira ngo mbere y'uko dukomeza, mbere y'uko Perefe agira abandi aha ijambo ee nuzuze igitekerezo cya Ministre w'Ubutabera mbaha n'ingero hari... urwandiko wenda mba nabanje kubasomera, ndababwira ibikubiyemo mu magambo makeya, cyane cyane ni ukugira ngo tubabwire ko ririya renzamunsi rya FPR ngo ikunde ibanze itsinde kuko yizeye Ubugande n'abandi bayishyigikiye, ee amahanga si ko atangiye kubibona. Biriya kuvuga ngo "sinemera Guverinoma y'u Rwanda", twabivuze kenshi, Ministre w'Intebe yabisobanuye kenshi, n'abahanga mu mategeko babisobanuye kenshi, batwemera, batatwemera ntibitureba. Bo se bemewe na nde ? Twe turi Guverinoma ariko bo ngo "ni Umuryango". Imiryango yacu tuzi mu Rwanda yemewe na Leta turayizi. Du...

Umuryango". Imiryango yacu tuzi mu Rwanda yemewe na Leta turayizi. Du... batwemera, batatwemera, ibyo ntibizagire umuntu birangaza, nta ho bihuriye. Igihe Abanyamerika igihugu cy'igihangange kitwemera kikaba cyandikira Guverinoma y'u Rwanda, ari yo cyandikira, igihe Ubufaransa butwemera bukaba bwohereza intumwa zabwo kuvugana na Guverinoma y'u Rwanda, bukaba bwakira Ministre wacu w'Ububanyi n'amahanga, bakavugana na Ministre uhagarariye Guverinoma y'u Rwanda, igihe Umuhuza avugana na Guverinoma y'u Rwanda, Umuhuza, Perezida wa Tanzaniya, igihe Umuhuza mukuru wa mbere, Maréchal Mobutu avugana na Guverinoma y'u Rwanda, igihe l'OUA na ONU bivugana na Guverinoma y'u Rwanda, abandi bavuga ko batemera Guverinoma y'u Rwanda bashingiye ku ki?

Bon, ibitari kure ni ko... ni rwo rwandiko nagira ngo mbabwire igikubiyemo, rwaje... rwaje none rwanditswe ku itariki ya cumi na gatanu, twarubonye none, uhagarariye Amerika mu Bufaransa ejo yagejeje ku ntumwa yacu, kuri ambasade... kuri Ambasade yacu iri i Paris, inageza kuri ambassades zacu zose ziri mu Burayi ubutumwa buteye butya :

Guverinoma y'Amerika irasaba Guverinoma y'u Rwanda ibi bikurikira :

- Guhagarika ubwicanyi mu karere kose k'igihugu kagenzurwa n'ingabo z'u Rwanda.
- Kugenzura imyifatire y'abasirikare bakemangwa hamwe n'urubyiruko rw'amashyaka rukemangwa ko rwaba rukora ibikorwa bitatunganye (sic).
- Kurekura abantu bari muri stade y'i Cyangugu, bari muri stade Amahoro, bari muri Hoteli ya Mille Collines kugira ngo bigire aho bashaka, bihungire bigira mu bihugu bashaka.

Intumwa y'Amerika iremeza ko izo ngingo eshatu niba Leta y'u Rwanda izikurikije ifite toutes les chances, ishobora kwemerwa, ifite... ifite uburyo bugufi bwo kwemerwa n'Abanyamerika ndetse n'amahanga yose.

Ku byerekeye FPR, intumwa y'Amerika yabwiye intumwa yacu iri i Paris ko yasabye FPR kureka kwica inzirakarengane, kureka... guhagarika intambara n'ibikorwa bindi

by'ubugira nabi, iyo ntumwa ivuga yuko ubwicanyi n'ubugizi bwa nabi bwa FPR buzwi, ko Amerika yayisabye kubihagarika. Ivuga yuko Guverinoma y'Amerika bibaye ngombwa ndetse yakoresha imbaraga , kandi ko yanihanije Perezida Museveni gukomeza kwivanga mu kibazo cya FPR n'Abanyarwanda. (applaudissements)

Le gouvernement, Guverinoma y'Amerika rero irasaba Guverinoma y'u Rwanda kuyiha igisubizo mu minsi itatu cy'ingamba ifashe muri biriya bintu bitatu isabwa. Igisubizo rero ntabwo kiri kure, icya mbere nkivanye hano ku Kibuye, umutekano waragarutse (applaudissements). Nta... ntabwo kiri kure, umutekano waragarutse, ni cyo badusaba, abantu bagifite inyota yo yo kugira nabi twabafatiye ingamba mwazumvise, abantu bari mu mahoteli i Kigali bifuza ko babarekura bakajya aho bashaka mwumvise ko radiyo yabahaye porogaramu uyu munsi batangiye kubarekura ngo bajye aho bashaka, umuministre w'Ubufaransa twari kumwe ejo, twamwemereye ko uyu munsi aza kwirebera abantu barajya aho bashaka nta kabuza. Igisubizo rero cyacu ku ngingo eshatu badusaba turagifite, ahasigaye Abanyamerika n'isi yose nibakurikirane FPR. (applaudissements)

Clément KAYISHEMA, préfet de prefecture Kibuye :
Nagira ngo dukomeze, mu baje baherekeje Nyakubahwa Perezida wa Repubulika hano hari Secrétaire-Député, MUNYAMPUNDU Sipiriyani na we turagira ngo tumuhe ijambo atubwire ubutumwa adufitiye.

Cyprien MUNYAMPUNDU, Secrétaire-Député :
Murakoze Bwana Préfet, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Nyakubahwa Ministre w'Ubutabera, Nyakubahwa Bwana Préfet, Banyacyubahiro mwese bavandimwe banyakibuye, nanjye ndabashuhuje kandi ngira ngo twongere twereke Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ko tumuhaye ikaze hano iwacu muri Kibuye. (applaudissements)

Mu izina ry'Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere, intumwa za rubanda, turagira ngo dushimire abanyakibuye mwese, dushimire abaturage ba Kibuye bose kuko mwashoboye

mufatanije kugarura amahoro muri iyi Perefegitura yacu, ku buryo nk'uko twabyumvise inota Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yaduhaye, ndakeka ko twabaye aba mbere. Twabyishimira na byo rero (applaudissements).

Muri ibyo... muri ubwo butumwa ndagira ngo mbamenyeshe ko Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere na yo yagejeje mu minsi ihise, mu minsi yashize ubutumwa ku Banyarwanda bose, ubutumwa bwo kugira ngo bafatane urunana, bahuze umugambi igihugu cyacu tukirinde.

Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere kandi na none yoherereje ubutumwa Inteko z'abadepite z'amahanga. Mwarabwumvise wenda kuri radiyo, busobanura neza intambara turimo uko iteye, busobanura neza abaturwanya abo ari bo, dusaba Inteko z'abadepite zo ku isi yose, kutugereza ubwo butumwa kuri za Guverinoma zabo kugira ngo zifate, zifashe uru Rwanda rugomeze (sic) ruzagere ku mahoro rwahoranye mbere y'uko FPR itera.

Muti ese noneho Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere iratekereza gukora ite ? Turimo gushaka uburyo bwose twe twakora dukurikije Itegekonshinga ryo ku itariki ya cumi Kamena mirongo cyenda na rimwe kugeza ubwo amasezerano y'Arusha ashoboye kujya mu bikorwa kuko atatangiye kandi na yo yatubwiraga uko tugomba kubyifatamo, kandi si si igihugu cya... cyaya... cyayishe.

Tukumva rero kuri ubwo buryo, mu minsi itaha tuzahamagara abadepite kugira ngo tujye inama noneho turebe icyakorwa, tujye inama ndetse na Guverinoma turebe ibyihutirwa byakorwa nk'uko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yabivuze tugomba twese gufatana urunana kugira ngo iyi ntambara dushobore kuba twayitsinda kuko turamutse tutafatanye (sic) urunana, umwanzi udutera yanyura muri icyo cyuho bityo agashobora kutwigabiza.

Intumwa za rubanda rero nk'uko zimaze kubashimira, nk'uko zohereza n'ubwo butumwa mu mahanga zishyigikiye Guverinoma iriho, zishyigikiye Nyakubahwa Perezida wa

Repubulika mbere na mbere, kubera ko twebwe twari dufite n'Imana yuko ari Perezida yari Perezida w'ina... w'Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere, ubwo tukaba mu izina ry'abadepite twaramubwiye ko tumushyigikiye, ariko na none nongeye kumugaragariza ko tumushyigikiye na Guverinoma ya KAMBANDA Yohani ko tuyishyigikiye mu bikorwa byose no mu nshingano biyemeje byo kugira ngo iki gihugu kigire amahoro, iki gihugu cyongere kibane neza n'ibihugu by'amahanga.

Mu izina rero noneho ry'uko ndi n'umunyakibuye nagira ngo mbwire abanyakibuye ko tugomba kuba maso. Murabizi iyi ntambara iteye ukundi. Ntabwo tugomba kuvuga ngo irabera i Byumba, ngo irabera i Ki... i Kibungo, Kigali ngo twishyirire agati mu ryinyo. Hari abantu bari ku mabariyeri, ni ukubabwira ko bagomba kugenzura badahohoteye abantu ni cyo twabasaba, bakagenzura neza badahohoteye abantu kuko umwanzi waduteye ntitwavuga ngo azasiga na Kibuye, ariko noneho twirinze twamukumira.

Tugomba kwirinda gusubiranamo, tugomba kwirinda gusahurana. Kubera iki ? Kubera ko nk'ubu ngubu niba hari umuntu wasahuye yenda muri Kigali, ubu se ntiyabitaye ? Mbere yo kugira icyo wasahura, mbere yo kugirirana nabi, ugomba kubanza kurinda igihugu cyawe noneho ibirimo mukabisaranganya mwese. Ariko igihe utarabona igihugu, ntiwakwirirwa ushaka ibintu, ibintu ni ibishakwa. Hari abari batunze "ibya Mirenge" bari i Kigali ariko barabisize ugasanga afite wenda akenda yari yicaranye aho ngaho. Kwirirwa rero ushaka ibintu utarabona igihugu ni ukwibeshya.

FIN DE LA FACE B